REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU,**
**ITANGAZAMAKURU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**

# POLITIKI Y'IGIHUGU YEREKEYE IMFUBYI N'ABANDI BANA BUGARIJWE N'IBIBAZO

# IBIRIMO

**IJAMBO RY'IBANZE..........................................................................................3**

**1. IRIBURIRO..........................................................................................5**
**2. IMITERERE Y'UBUKUNGU N'IBIRANGA IMIBEREHO..........................8**
**3. AMAHAME YO KURENGERA UBURENGANZIRA BW'UMWANA ...... 11**
**4. IMFUBYI N'ABANDI BANA BUGARIJWE N'IBIBAZO...........................15**
4.1.Imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo ni bantu ki?........................15
4.2.Imiterere y'ikibazo.......................................................................15
4.3.Ibyiciro by'abana bugarijwe n'ibibazo..................................................16
**5. POLITIKI RUSANGE........................................................................17**
5.1.Icyerekezo........................................................................17
5.2.Inshingano ya Leta........................................................................17
5.3.Intego rusange........................................................................17
5.4.Inzitizi........................................................................18
5.5.Ibyo icyizere cyashingiraho..................................................................19
5.6.Ingamba........................................................................20

**6. INTEGO ZIHARIYE N'INGAMBA..........................................................22**
1. Abana baba mu ngo ziyoborwa n' bana............................................22
2. Abana barererwa mu miryango yabakiriye.........................................22
3. Abana bo mu mihanda......................................................................23
4. Abana baba mu bigo bibitaho..........................................................24
5. Abana bakurikiranwa n'amategeko kubera ibyaha bakoze................25
6. Abana bamugaye.......................................................................26
7. Abana bahuye n'ibibazo bitewe n'intambara....................................28
8. Abana bashorwa mu busambanyi n'abahohoterwa...........................29
9. Abana bakoreshwa imirimo ivunanye...............................................30
10. Abana bafite ubwandu bwa SIDA n'abafite ibibazo kubera ababo bayirwaye bagombaga kubitaho ..................................................... 31
11. Abana bato babana na ba nyina bafungiye muri za gereza...............32
12. Abana bakomoka mu miryango y'abakene nyakujya...........................33
13. Abana bari mu buhungiro cyangwa bari mu bakuwe mu byabo.........34
14. Abana b'ibinyendaro.......................................................................34
15. Abana b'abakobwa bashyingirwa imburagihe....................................35

**7. ABAZABIGIRAMO URUHARE N'UBURYO BUZAKORESHWA............36**

## IJAMBO RY'IBANZE .

Umwana ni impano ababyeyi bahabwa n'Imana, ni inshuti ikomeye y'abavandimwe be, ni we utuma umuryango usagamba kandi ni na we mizero y'igihugu cye.

Icyo kiremwa cyiza, gikundwa cyane ariko kidafite imbaraga, gikeneye kurengerwa kugira ngo gikurire ahantu hatabangamiye imikurire yacyo haba kuri roho, mu bwenge no ku mubiri. Mu bihugu byinshi, cyane cyane ibikennye cyane, abana benshi ntibagira ubwo bwisanzure mu mikurire yabo, n'ubwo bafite ubwo burenganzira.

Umwana w'Umunyarwanda we, yahuye n'ibibazo byaturutse ku miyoborere mibi n'ubukene byaranze igihugu cyacu, mu gihe cy'ubukoloni na nyuma yacyo.
Itsembabwoko ryo mu mwaka wa 1994 ryahitanye abantu 1.074.017; muri bo 50,1% bafite munsi y'imyaka 18, ryavukije Umwana w'Umunyarwanda uburenganzira bwe bw'ibanze, ni ukuvuga kubaho.

Umwana warokotse ayo mahano na we yambuwe uburenganzira bwo gukurira ahantu haberanye n'imikurire ye.

Ubu mu Rwanda hari abana bugarijwe n'ibibazo bagera kuri miliyoni ni ukuvuga 1/8 cy'abaturage bose. Abana bugarijwe n'ibibazo baba mu buzima bubangamiye iyubahirizwa ry'uburenganzira bwabo bari mu byiciro 15. Muri bo twavuga abana baba mu ngo ziyoborwa n'abana, abana baba mu bigo, abana baba mu nkambi z'impunzi, cyangwa bakuwe mu byabo, abana bo mu mihanda, abana barererwa mu miryango yabishingiye n'abandi.
Ntawakwirengagiza ko umubare w'abana bafite ubwandu bwa SIDA n'abafite ibibazo kubera ababo bayirwaye ugenda wiyongera bikabije.

Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, ifatanyije n'imiryango itegamiye kuri Leta n'abandi bagiraneza, yihatiye gushakira abana imiryango ibakira, kuvana abana mu gisilikare no kubasubiza mu buzima busanzwe, gucyura impunzi no kuzituza, gutuza abakuwe mu byabo no guha amahirwe yo kwiga abana bo mu mihanda.

N'ubwo ibyo byakozwe, ibibazo ntibiracyemurwa bihagije. Uburenganzira bw'umwana buracyahutazwa bitewe n'uko abana bakiri mu bigo, abana bagifashwe nabi mu miryango yabakiriye, abana bagishorwa mu ntambara n'udutsiko twitwaje intwaro, abana b'abanyarwanda baba mu bukene bukabije butuma bakora imirimo ivunanye. Urutonde ni rurerure!

Twihebe ? Oya. Umwana w'Umunyarwanda yitaweho muri gahunda zose z'Igihugu, amategeko amurengera yashyizweho kandi uburenganzira bwe buragenda bwubahirizwa buhoro buhoro.

Iyi politiki yateguwe ku bufatanye n'abantu bose dufatanya mu gikorwa cyo kurengera abana yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri itanga umurongo ngenderwaho w'ibigomba gukorwa kugira ngo uburenganzira bw'umwana bwubahirizwe.

Turasaba buri muntu, yaba umuntu ku giti cye, Sosiyeti cyangwa Ishyirahamwe, gutanga umusanzu akurikije amikoro afite, kugira ngo icyo kiremwa cyo mizero y'ejo, gisohoke kuva uyu munsi mu bibazo bicyugarije.

**Dr. Odette NYIRAMILIMO**

**Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage.**

## 1.IRIBURIRO

Imwe mu ntego nkuru za Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ni uguteza imbere imibereho myiza y'abaturage. Kugira ngo iyo ntego igerweho, buri Minisiteri yahawe inshingano irebana n'iyo ntego.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu,Itangazamakuru n'Imibereho Myiza y'Abaturage , ku biyireba, yashinzwe guteza imbere imiyoborere myiza n'imibereho myiza y'abaturage: (i) gushyiraho no guhamya inzego z'ubuyobozi zegereye abaturage zubakiye kuri Demokarasi ;(ii) kongerera abaturage ubushobozi bwo kugira uruhare mu kugena ibigomba kubakorerwa no mu kubishyira mu bikorwa ;(iii) umwanya uhabwa buri wese mu gushakisha ibisubizo bikwiranye n'ibibazo abaturage bahura na byo. Izo ngamba zubakiye ku mahame akurikira: ubumwe, ubutabera, demokarasi, amajyambere arambye n'urukundo rw'Igihugu.

Ibikorwa bya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Itangazamakuru n'Imibereho Myiza y'Abaturage byerekeye imibereho myiza y'abaturage bigamije intego ebyiri:

a) Gutegura no gushyigikira porogaramu ziteza imbere imibereho myiza y'abaturage harimo na porogaramu zirebana n'ubwiyongere buboneye bw'abaturage.
b) Gushyiraho no kuyobora porogaramu zo kurengera abatishoboye, cyane cyane abana, abamugaye, abacitse ku icumu ry'itsembabwoko n'itsembatsemba, abageze mu za bukuru n'imfubyi kugira ngo na bo bahabwe uburyo bwo kugira uruhare mu guteza imbere ubukungu.

Guha abatishoboye umwanya bakwiye mu muryango nyarwanda , haba mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage, urw'ubukungu n'urw'umuco; na byo ni umusanzu ukomeye ugeza ku majyambere arambye n'uburinganire bw'abantu. Bitewe n'amateka ya vuba y'itsembabwoko n'itsembatsemba n'intambara, abo bantu batishoboye ni benshi mu muryango nyarwanda. Muri bo, abana bato n'ingimbi bagomba kwitabwaho by'umwihariko.

Kuva mu mwaka wa 1994, Guverinoma y'u Rwanda, ifatanyije n'abaterankunga bo mu miryango igamije amajyambere idafite aho ihuriye na politiki (Civil Society), bakoze batizigamye mu guhangana n'ibibazo by'abana batishoboye. Nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba, hari byinshi byagezweho kandi bishimishije, cyane cyane mu guhuza abana n'imiryango yabo cyangwa kubashakira imiryango badafitanye isano ibakira. Hari na porogaramu zindi nyinshi zatangijwe zigamije gufasha abana batagira kivurira, barimo abana bo mu mihanda, abana baba mu miryango iyoborwa n'abana n'abandi. Ariko haracyari ikibazo cy'ubukene bukabije kandi usanga hose, icyorezo cya SIDA cyiyongera buri munsi mu baturage, kimwe n'ikibazo cy'uburenganzira bw'abana bugenda burushaho guhungabana, nk'uko raporo zimwe na zimwe zibigaragaza. Ibyo byose bisaba guhagurukira igikorwa cyo kurengera abana. Uburemere bw'iki kibazo butuma kigomba gufatwa mu miterere yacyo yose no kugenerwa uburyo bukwiye bwo kugikemura, haba mu rwego rw'imari, n'urw'abantu bacyitaho. Imiterere y'ikibazo irasaba ko abacyitaho bajya bazirikana buri gihe gusuzuma porogaramu bakurikiza n'ibikorwa byabo, kugira ngo bahore bazinonosora bazihuza n'ibikenewe, kugira ngo kandi zibashe kugirira akamaro abana n'imiryango bakomokamo ku buryo burambye.

Iyi nyandiko iragaragaza amahame, intego n'ingamba bya politiki y'Igihugu yo kurengera imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo mu Rwanda. Iyi ni intambwe ya mbere igana ku ishyirwaho rya gahunda rusange igamije gufasha Leta n'abaterankunga mu kugena , gushyira mu bikorwa no gukurikirana imishinga na za porogaramu zigamije gufasha abo bana.

Itegurwa ry'iyi politiki ryatangijwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Itangazamakuru n'Imibereho Myiza y'Abaturage. Akanama kagizwe n'impuguke zaturutse muri MINALOC, MINEDUC, Haguruka, Save the Children (UK) na UNICEF ni ko kayoboye umurimo wo gutegura inyandiko y'iyi politiki. Abagize ako kanama bagiye bahura kenshi, bagategura inama nyunguranabitekerezo n'ibiganiro muri urwo rwego kandi bagasuzuma n'ibimaze kugerwaho.

Iyi nyandiko yahereye kuri raporo n'izindi politiki zari zisanzweho, yongeraho ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe muri urwo rwego. Abaterankunga babigizemo uruhare ku nzego zinyuranye. Hari

inama y'iminsi ibiri yabereye i Kigali irimo abantu 40 baturutse muri Leta no mu miryango itegamiye kuri Leta. Abari bayirimo bashyize ahagaragara amahame, intego n'ingamba bifatika bigenewe ibikorwa byo kwita ku mfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo. Na none kandi, mu rwego rw'Intara, habayeho ibiganiro bihuje abaturutse mu nzego z'ubuyobozi zegereye abaturage, imiryango itegamiye kuri Leta, Amashami y'Umuryango w'Abibumbye, n'amadini. Ibyifuzo byayiturutsemo byashyizwe muri iyi Politiki. Nyuma, ku rwego rw'Igihugu, habaye inama ku mfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo, iha umwanya abarebwa n'ikibazo bo mu nzego zinyuranye wo kungurana ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'iyi politiki. Ibyifuzo byayivuyemo byifashishijwe mu kuyinonosora.

Iyi nyandiko igamije kugaragaraza intego n'ingamba biberanye n'ibikorwa byo kwita ku mfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo. Iyi politiki izatuma ibi kurikira bigerwaho :

- Guhuza buri gihe za serivisi na za porogaramu ;
- Kugaragaza ibigomba kwitabwaho mu nzego z'imirimo z'ingenzi;
- Kurushaho gusaranganya neza, hose mu gihugu, ibikorwa bigenerwa imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo ;
- Gutahura ahari icyuho mu mirimo ikorerwa abo bana ;
- Gutangiza/kunonosora ibikorwa bigenewe abana batitabwaho uko bikwiye ;
- Guteganya uko inkunga yo mu gihugu n'iyo hanze y'igihugu izakoreshwa;
- Kwirinda kugonganisha ibikorwa ;
- Kunoza kurushaho isaranganya ry'imari igenewe ibikorwa hashingiwe ku bintu bifatika;
- Gukoresha imari n'abakozi mu buryo bukwiye ;
- Gutahura ahari icyuho ku byerekeye abakozi ;
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana ibikorwa no kubigenzura ;
- Gusuzuma ibyo porogaramu na serivisi zigeraho;
- Gukora ku buryo porogaramu ziramba haba ku rwego rw'imari n'urwa tekiniki.

## 2. **IMITERERE Y'UBUKUNGU N'IBIJYANYE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE**

U Rwanda ni kimwe mu bihugu bikennye cyane ku isi. Imibare yatanzwe na PNUD yerekana ibijyanye n'amajyambere, ishyira u Rwanda ku mwanya wa 163 ku bihugu 172 . Inyandiko ikubiyemo ingamba zo kurwanya ubukene (PRSP) igaragaza ko ubwo bukene buturuka ku miterere y'ubukungu no ku mateka . Ku bireba impamvu zo mu rwego rw'ubukungu, havugwamo cyane cyane ubushobozi buke bwo kubyaza ubuhinzi umusaruro utubutse, kandi abaturage bo, cyane cyane abo mu byaro, bagenda barushaho kwiyongera. Amateka ya vuba na yo arimo itsembabwoko, itsembatsemba n'intambara yongereye ubukene anadindiza ibyakorwaga mu rwego rwo kwiteza imbere.

Imibare igereranya ibipimo by' ubukene igaragaza ko abaturage b'u Rwanda barenga 60% babarirwa munsi y'umurongo w'ubukene. Ikigereranyo cy'imyaka umunyarwanda amara ku isi na cyo kiri hasi. Umubare w'abana binjira mu mashuri yisumbuye uri hasi. Imbonerahamwe ikurikira irerekana uko iyo mibare iteye muri rusange.

**Imbonerahamwe ya mbere: Imibare y'ingenzi igaragaza ubukene n'imiterere y'ibibazo byugarije abana**

| | | Umwaka | Aho twabikuye |
|---|---|---|---|
| Ikigereranyo cy'umusaruro w'Igihugu ku muturage umwe | US$ 230 | 2000 | World Bank |
| Ikigereranyo cy'abaturage bari munsi y'umurongo w'ubukene | 60.29% | 2000 | EICV[3] |
| Umubare w'abana bari munsi y'imyaka 15 y'amavuko | 43.5% | 2000 | HDR |
| Ikigereranyo cy'imyaka umunyarwanda yizera kubaho | 49 | 2000 | DHS[4] |
| Ikigereranyo cy'abaturage banduye SIDA | 13.7% | 2002 | HDR |
| Ikigereranyo cy'ababyeyi bapfa babyara, ku bana 100.000 bavutse | 1.071 | 2001 | MINISANTE |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Ikigereranyo cy'abana bapfa batarageza ku mwaka umwe w'amavuko, ku bana 1000 | 107 | 2000 | DHS |
| Ikigereranyo cy'abana bapfa batarageza ku myaka 5 y'amavuko ku bana 1000 | 198 | 2000 | DHS |
| Ikigereranyo cy'abana bari munsi y'imyaka 5 y'amavuko bafite ikibazo cy'imirire mibi, igaragazwa n'igihagararo (uburebure) kidashyitse | 42.7% | 2000 | DHS |
| Ikigereranyo cy'abana bari munsi y'imyaka 5 y'amavuko bafite ikibazo cy'imirire mibi, igaragazwa n'uburemere budahagije bw'umubiri wabo | 29.0% | 2000 | DHS |
| Ikigereranyo cy'abatazi gusoma no kwandika bari munsi y'imyaka 15 y'amavuko | 52.36% | 2000 | EICV |
| Umubare w'abana biga amashuri abanza bagereranyijwe n'uw'abari mu kigero cyo kwiga amashuri abanza bose hamwe | 73.3% | 2001/1 | MINEDUC |
| Umubare w'abiga amashuri yisumbuye bagereranyijwe n'abari mu kigero cy'abagombye kuyiga bose hamwe | 6% | 2000 | MINEDUC |
| Ikigereranyo cy'abana bari munsi y'imyaka 5 bakingiwe indwara zose zikingirwa | 72% | 2000 | MINISANTE |
| Ikigereranyo cy'ababyeyi bakoresha imiti ibafasha kuringaniza imbyaro | 4% | 2002 | DHS |

Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yasanze hakenewe ibikorwa byagira akamaro mu gukemura ibyo bibazo mu gihe gito kandi ku buryo burambye . Ni yo mpamvu yagennye ingamba zinyuranye zafasha mu guhangana n'ikibazo cy'ubukene n'ingaruka z'itsembabwoko n'itsembatsemba.

Gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi yatumye ku nzego z'ibanze hajyaho ubuyobozi bwitorewe n'abaturage ubwabo mu buryo bwa demokarasi. Ubwo buyobozi bwizeweho gutuma abaturage bahabwa umwanya mu ifatwa ry'ibyemezo bibareba kandi n' ibibakorerwa bigashingira buri gihe ku byo bivugiye ubwabo ko bakeneye.

Inyandiko ikubiyemo ingamba zo kurwanya ubukene(PRSP) igaragaza ingamba zifatika muri urwo rwego. Gahunda irambuye y'ubushakashatsi yahereye ku biganiro n'abaturage bugarijwe n'ubwo bukene, bityo yubahiriza amahame y'ingenzi ya politiki yo kwegereza

abaturage ubuyobozi n'ubushobozi ku bijyanye n'uruhare ruhabwa abaturage kimwe n'ibisobanuro bahabwa ku bibakorerwa.

Gahunda yo kurwanya ubukene igaragaza ko icyagabanya ubukene ari mbere na mbere ukwiyongera k'ubukungu. Gushora imari mu cyaro byatuma ubukungu bwiyongera , bityo ubukene bukagabanuka. Ariko kandi, ibikorwa nk'ibyo bigamije guteza imbere ubukungu bishobora kutagera ku bakennye kurusha abandi (abakene nyakujya, imfubyi zikiri nto cyane, abageze mu zabukuru n'abamugaye), kubera ko akenshi baba bameze nk'aho ntaho bahuriye n'ibikorwa mu rwego rw'ubukungu. Abo bantu bagombye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko muri gahunda zagenwa na Leta, imiryango itegamiye kuri Leta, CBOs n'andi mashyirahamwe, ndetse n'abikorera ku giti cyabo.

Gacaca ikomoka ku muco karande w'abanyarwanda wo kwikemurira amakimbirane, imaze guterwa inkunga kugira ngo ishobore gukemura ikibazo cy'abantu benshi bafunzwe bakekwaho ibyaha by'itsembabwoko n'itsembatsemba. Cacaca ishobora kuzakoreshwa nyuma mu gukemura amakimbirane ajyanye n'ubutaka n'ibindi bibazo by'abaturage.

Itegeko N° 2/98 ryashyizeho FARG (Ikigega gitera inkunga abacitse ku icumu ry'itsembabwoko n'itsembatsemba). 5% by'imari yinjizwa na Leta buri mwaka bishyirwa muri icyo Kigega . Abaterwa iyo nkunga barimo imfubyi, abapfakazi n'abamugaye. Inkunga ya FARG iganishwa cyane cyane mu burezi, kuvuza abantu babikeneye no kubafasha kubona amacumbi.

## 3. AMAHAME YO KUBUNGABUNGA UBURENGANZIRA BW'ABANA

Leta y'u Rwanda yiyemeje gutabara abana bugarijwe n'ibibazo ibafasha mu byo bakeneye kandi ibarinda ibishobora kubahutaza. Itegeko-Nshinga rigena ko abaturage bose bangana (ingingo ya 16), ko umuryango ari wo shingiro kamere kandi ko ababyeyi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo (ingingo ya 24).

Itegeko N° 27/2001 ryo kuwa 28/04/2001 rigamije kubungabunga uburenganzira bw'umwana no kumurinda ihohoterwa. Byongeye kandi, Leta y'u Rwanda yashyize umukono ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana (1989) no ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'abana (1990). Bityo Leta y'u Rwanda yiyemeje gushyira mu bikorwa ayo Masezerano avuga uburenganzira bw'umwana n'inshingano ze.

Umwana na we afite inshingano. Ibyo asabwa biteganywa mu Masezerano Nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza y'umwana (ingingo ya 31) no mu Itegeko N°27/2001 ( ingingo za 25,26, 27) ry'u Rwanda.

Andi mahame y'uburenganzira bw'umwana tuyasanga mu nyandiko zikurikira u Rwanda rwashyizeho umukono.

- Itangazo rya UNESCO ku burezi kuri bose
- Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije guca ivangura iryo ari ryo ryose ryibasira abategarugori;
- Amasezerano 182 y'Ibiro by'Isi bishinzwe Umurimo arebana n'imirimo ivunanye y'abana;
- Umwanzuro 48/96 ku mahame akurikizwa mu kongerera ubushobozi abantu bamugaye ;
- Umugereka werekeye amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana ku birebana no kumurinda gushorwa mu ntambara ;
- Umugereka ku burenganzira bw'umwana, ikoreshwa ry'abana mu bucuruzi, gushora abana mu busambanyi no mu biterasoni.

Duhereye ku byavuzwe haruguru, twavuga ko amahame ane akurikira ari yo ashingirwaho mu kurengera abana:

- Gushingira ku nyungu z'umwana ;
- Kwirinda ivangura
- Uburenganzira bwo kubaho no gukura neza
- Uruhare umwana agomba kugira mu bikorwa n'ibyemezo bimureba.

Kuri ayo mahame 4, hiyongeraho andi mahame yihariye asobanura uburyo politiki na na porogaramu ku bana b'imfubyi n'abandi bugarijwe n'ibibazo bigomba gutegurwa :

- Porogaramu n'ibikorwa bibagenewe ntibigomba kwirengagiza imikorere ishingiye ku muco nyarwanda n'ingamba za ngombwa z'amajyambere mu kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage, uburezi ubuzima, ubutabera, kurwanya ubukene, ubumwe n'ubwiyunge.
- Hazashyirwaho amategeko agenga igikorwa cyose kigamije gufasha imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo ;
- Inzego zishinzwe gukurikirana ibikorwa no kubihuza zigenera inkunga nyinshi ishoboka imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo, kandi izo nzego zigakora ibishoboka byose ngo abo bana bagire imibereho myiza ;
- Porogaramu n'ibikorwa byubahiriza imikorere ishimwa imenyerewe, n'imirimo igerwaho ikaba yizeweho kuba itunganye nk'uko bisabwa ;
- Ubushakashatsi hamwe n'ibiganiro bituma abagomba gufashwa bumvwa, bivugira ibibazo byabo, ni byo porogaramu zigenewe imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo zizashingiraho ;
- Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina bigomba gushyirwa muri porogaramu iyo ari yo yose ;
- Abakozi bafite ubushobozi bukwiye bakora ibishoboka byose kugira ngo imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo bagire ubuzima bwiza.
- Hagomba kwitabwa by'umwihariko ku mikorere iha uruhare abaturage muri rusange, n'abana by'umwihariko, mu gushakira umuti ibibazo no mu

gufata ibyemezo. Kwita ku bana no kubarengera bigomba gukorerwa mu muryango w'umwana cyangwa mu muryango nyarwanda ; abana bagashyirwa mu bigo ari amaburakindi.

- Ni ngombwa kwinjiza mu ngengo y'imari y'Igihugu no mu ngamba zo kurwanya ubukene ibibazo bijyanye no kurengera imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo, kugira ngo ibikenewe muri urwo rwego bijye biboneka.

## 4. IMFUBYI N'ABANDI BANA BUGARIJWE N'IBIBAZO MU RWANDA

### 4.1.Abana b'imfubyi n'abugarijwe n'ibibazo ni bande ?

Umwana wugarijwe n'ibibazo ni umuntu utaruzuza imyaka 18 y'amavuko, akaba ari mu buzima bubi butuma uburenganzira bwe bw'ibanze butubahirizwa ; ibyo bikabangamira bikomeye imikurire ye myiza.

Imfubyi ni umwana wapfushije umubyeyi umwe cyangwa ababyeyi be bombi.

### 4.2.Imiterere y'ikibazo cy'imfubyi n'abana bugarijwe n'ibibazo.

N'ubwo nta barura rirambuye ryakozwe ngo rigaragaze imibare yimfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo, hari ibyo dushobora gushingiraho bigaragaza ko ikibazo kirushaho gukomera. Aha mbere twahera ni ku bana bo mu mihanda, umubare wabo wariyongereye mu myaka ishize. Imibare ihanitse y'abandura SIDA igaragaza ko mu gihe gito, umubare w'abana bugarijwe n'ibibazo uziyongera bikabije ; ingo ziyoborwa n'abana na zo ni nyinshi hose mu gihugu. Birazwi ko kwiyongera gukabije kw'abana bugarijwe n'ibibazo kwarenze ubushobozi bw'uburyo bwo kwita kuri bene abo bana busanzwe bumenyerewe mu muco nyarwanda, busaba ko abana bugarijwe n'ibibazo bitabwaho n'imiryango yabo na bene wabo. Kuba abana bataba mu muryango cyangwa se batitaweho n'izindi nzego zagombye kubarengera, ibyo bigabanya ubushobozi bwabo bwo kuba mu muryango nyarwanda.
Ibura ry'uburyo gakondo bwo kwita kuri abo bana n'ibura ry'izindi serivisi zabitaho bituma umubare w'abana bahohoterwa wiyongera.
Uburenganzira bwabo bubangamirwa mu buryo bunyuranye: hari abafatwa nabi, abashorwa mu busambanyi cyangwa bakoreshwa mu bucuruzi bushingiye ku busambanyi, hari abakoreshwa imirimo ivunanye. Ibyo ari byo byose, abana bamburwa uburenganzira bw'ibanze bwerekeye kurengerwa no gukura neza.

4.3. **Ibyiciro by'abana bugarijwe n'ibibazo**

Gushyira abana bugarijwe n'ibibazo mu byiciro bituma abakora imirimo ijyanye no kubitaho bashobora kubabarura. Nyamara ariko bitera ibibazo byinshi. Mbere na mbere, ibibazo abo bana bahura na byo biterwa n'impamvu nyinshi kandi bifite ingaruka zinyuranye. Abakora za porogaramu zo gufasha imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo bakaba bagomba gutahura inkomoko z'ibyo bibazo bishobora kugwirira abana kugira ngo porogaramu bashyiraho zibe zishobora guhangana na byo cyangwa se kubikumira rwose no kurengera abana ntibahure na byo. Icya kabiri, ni ngombwa kwirinda gutunga agatoki no guha akato ibyiciro bimwe by'abana bugarijwe n'ibibazo. Ibikorwa bigenewe bene abo bana bigomba kwinjizwa muri za porogaramu zita ku bana bugarijwe n'ibibazo muri rusange. Icya gatatu, hari aho ibyiciro by'abana bugarijwe n'ibibazo bigenda bihurira, bityo ibikorwa byinshi biteganywa bikaba bireba abana benshi cyangwa se bose icyarimwe. Ni yo mpamvu, igihe cyo gushyiraho za porogaramu n'amategeko, ibyiciro nk'ibyo bigira aho bihurira bigomba kwitonderwa rwose.

Birazwi ko mu Rwanda, umubare munini w'abana bashobora kuvutswa uburenganzira bwabo bw'ibanze. Abari mu byiciro bikurikira ni bo bafite icyo kibazo by'umwihariko, bakaba bagomba kwitabwaho:

1) Abana baba mu ngo ziyoborwa n'abana;
2) Abana barererwa mu miryango yabakiriye;
3) Abana bo mu mihanda;
4) Abana baba mu bigo bibitaho;
5) Abana bakurikiranwa n'amategeko kubera ibyaha bakoze ;
6) Abana bamugaye ;
7) Abana bahuye n'ibibazo bitewe n'intambara ;
8) Abana bashorwa mu busambanyi n'abahohoterwa;
9) Abana bakoreshwa imirimo ivunanye ;
10) Abana bafite ubwandu bwa SIDA, n'abafite ibibazo kubera ababo bayirwaye.
11) Abana bato babana na ba nyina bafungiye muri za gereza
12) Abana bakomoka mu miryango y'abakene nyakujya ;
13) Abana bari mu buhungiro cyangwa bari mu bakuwe mu byabo ;
14) Abana b'ibinyendaro ;
15) bana b'abakobwa bashyingirwa imburagihe.

## 5. POLITIKI RUSANGE

### 5.1. Icyerekezo

Imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo bazahabwa inkunga ikenewe kugira ngo bashobore gukoresha ubushobozi bifitemo bwose kandi bahabwe amahirwe angana n'ay'abandi bana, bityo bashobore kugira uruhare rugaragara mu mizamukire y'imiryango yabo n'iy'umuryango nyarwanda.

### 5.2.Inshingano ya Leta

Leta y'u Rwanda yiyemeje gushyira mu bikorwa za politiki, amategeko na porogaramu zituma abana bari mu ngorane babasha gusubizwa mu buzima busanzwe .

### 5.3.Intego rusange

Intego rusange z'ibanze z'iyi politiki ni ukubungabunga uburenganzira bw'abana no gutuma abana bugarijwe n'ibibazo bakura neza, haba ku mubiri, mu bwenge no kuri roho.

By'umwihariko izo ntego ni izi zikurikira:

1. Kwizeza abana uburenganzira bwabo barindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose;
2. Gukora ku buryo bavuzwa kugira ngo babeho kandi bakure neza;
3. Gukora ku buryo babasha kwiga amashuri abanza n'andi nk'ayisumbuye n'ay'imyuga;
4. Gukora ku buryo abana bari mu nzitane z'ibibazo babona ababagira inama bakababahumuriza;
5. Kubarura imiryango n'izindi nzego zishingiye ku baturage zitera inkunga bene abo bana, no kuzongerera ubushobozi, kugira ngo zibashe kubitaho ku buryo buhagije. Bizatuma byoroha gusubiza abana mu buzima busanzwe kandi hizerwe ko bazahaguma;
6. Kugenera imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo ibikorwa bibyara inyungu, inguzanyo n'uburyo bwateza imbere ubuhinzi

butanga umusaruro mwiza kandi utubutse, bikaba byabazamura mu bijyanye n'ubukungu;

7. Kongerera ubushobozi ihuzabikorwa rya za porogaramu n'ibikorwa byerekeye imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo, kugira ngo byose birusheho gukurikiranwa neza

## 5.4. Inzitizi

Kuva mu mwaka wa 1994, Guverinoma y'u Rwanda, ibitewemo inkunga n'imiryango itegamiye kuri Leta, yaba iyo mu Gihugu cyangwa mpuzamahanga, yashyize mu bikorwa porogaramu nyinshi zigamije kwita ku bana bugarijwe n'ibibazo, barimo abana baburanye n'ababyeyi babo, imfubyi, abahoze mu ngabo, n'abakekwaho ibyaha by'itsembabwoko n'itsembatsemba.

Urebye ubukana bw'ibibazo abo bana bafite, ndetse n'umubare wabo ukomeza kwiyongera, ntibitangaje kuba Guverinoma y'u Rwanda n'abayitera inkunga barahuye n'imbogamizi zikomeye mu ishyirwa mu bikorwa rya porogaramu rusange kandi igera mu bice byose by'igihugu

Zimwe muri izo mbogamizi ni izi zikurikira:

- Ubushobozi bucye bwa za porogaramu zose muri rusange;
- Ingorane mu kugena ibibazo byihutirwa bigomba kwitabwaho n'urutonde rw'intego zishobora kugerwaho;
- Amategeko arengera abana atarabonekа yose;
- Ukutubahiriza uko bikwiye amategeko n'amasezerano biriho
- Imbaraga nke zigaragara mu ihuzabikorwa hagati y'inzego za Leta n' Imiryango, amashyirahamwe n'abandi bita ku bana bugarijwe n'ibibazo;
- Ibura ry'inzego zishinzwe gukurikirana ibikorwa ku nzego zose;
- Ibura ry'abakozi ku nzego zose kuva ku rwego rw'Igihugu kugeza ku nzego zegereye abaturage;
- Gucyendera kw'ibyiza byabonekaga mu muco nyarwanda nk'umuco wo gufashanya.

Abana bugarijwe n'ibibazo n'inzego zishinzwe kubitaho bahura n'ingorane zihariye zikurikira:

- Kuba umwana nta muryango afite: uwo akomokamo cyangwa umurera;

- Inshingano ziremereye abana bakiri bato bafite, kudashobora kwiga no kwidagadura nk'abandi bana;
- Kutarindwa bihagije, kuba umwana ashobora gukoreshwa imirimo ivunanye;
- Kuba mu muco nyarwanda ibirebana n'igitsina bitavugirwa mu ruhame cyangwa ngo bibwirwe abana;
- Ibura ry'amikoro yatuma umwana yiga, yivuza cyangwa yitabwaho;
- Ibura ry'amacumbi;
- Ubwiyongere bukabije bw'abaturage;
- Ibibazo by'izungura no kugira ububasha ku mutungo;
- Guhabwa akato no kugirwa igicibwa;
- Umubare w'abana bugarijwe n'ibibazo udahwema kwiyongera, bitewe n'icyorezo cya SIDA n'izindi mpamvu nk'iy' abana batabwa n'ababyeyi babo;
- Porogaramu nyinshi zita ku bana bugarijwe n'ibibazo ntizigera mu bice byose by'Igihugu ku buryo buhagije, cyane cyane mu turere turi kure y'aho zikorera;
- Kuba abana n'imiryango batazi aho serivisi bakwiyambaza ziherereye;
- Kuba nta serivisi zihari zigira inama imiryango n'abana bugarijwe n'ibibazo;
- Ikibazo cy'uko abana bagirira icyizere gike inzego za Leta zigamije kubafasha;
- Intambara zihora zitutumba mu bihugu duturanye;
- Ubwumvikane buke mu miryango bwaturutse ku ntambara no ku itsembabwoko n'itsembatsemba.

### 5.5. Ibyo icyizere cyashingiraho

Hari ibintu bisanzweho twavuga bizifashishwa mu gikorwa cyo kwita ku bana bugarijwe n'ibibazo:

- Ku nzego zose hari ubushake bugaragara bwo kurengera abana no kubungabunga uburenganzira bwabo;
- Politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi yoroshya ishyirwaho ry'inzego zituma abaturage bagira uruhare mu gukemura ibibazo bibareba;
- Ingamba ziriho zigamije kurwanya ubukene zita ku ngo zikennye;

- Guverinoma yashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'abana no ku migereka inyuranye;
- Umuco nyarwanda usanzwe uha umwana umwanya w'ibanze mu muryango kandi n'abaturage bakanguriwe ibijyanye n'uburenganzira bw'umwana;
- Ubushake buriho bwo gushyigikira ibikorwa byo gufashiriza abana mu miryango no kugabanya umubare w'abana barererwa mu bigo;
- Kuba hariho inzego zita ku mibereho myiza y'abaturage ku nzego zose;
- Kuba hariho Porogaramu y'Igihugu yita ku mwana (PNE);
- Ubushakashatsi bwakozwe ku bibazo binyuranye biberana n'abana;
- Amategeko amwe n'amwe yatangiye kuvugururwa;
- Inzego za Leta, Imiryango itegamiye kuri Leta, amashyirahamwe y'abaturage, amadini , bose, mu buryo bunyuranye bita ku bana bugarijwe n'ibibazo ;
- Ubushobozi bw'ibigo bishinzwe uburezi bwariyongereye;
- Ubushake bugaragara bwo guteza imbere imyigishirize;
- Kuba hari amashyirahamwe y'urubyiruko yavutse agamije kurwanya SIDA ;
- Kuba muri Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu harimo ishami rishinzwe ku buryo bw'umwihariko uburenganzira bw'umwana.

## 5.6. Ingamba

N'ubwo hari ingamba zihariye kuri buri cyiciro cy'abana bugarijwe n'ibibazo, hari n'ingamba rusange zafashwe mu gushakira umuti ibibazo imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo bahuriyeho:

1.Gukangurira abana, ababyeyi, abaterankunga, abita ku bana n'abaturage muri rusange ibijyanye n'imfubyi n'abana bugarijwe n'ibibazo. Twavugamo kumenyekanisha uburenganzira bw'umwana no gusakaza politiki n'amategeko biriho muri urwo rwego, kugaragaza no guteza imbere ibyiza biboneka mu muco nyarwanda mu rwego rwo kwita kuri bene abo bana no gukangurira ababyeyi inshingano zabo.

2.Guhugura abantu ku cyorezo cya SIDA no ku buzima bw'imyororokere y'abantu. Gushyigikira ubujyanama kuri SIDA no ku kuyipimisha ku bushake, kugaragaza ububi bw'icyo cyorezo n' ingaruka zacyo ku bana no guhindura imvugo iriho, SIDA igahinduka "ikibazo cyacu" aho kuba "ikibazo cyabo".

3.Gukora ubushakashatsi bugamije kumenya umubare w'imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo, kugira ngo hategurwe gahunda n'ibikorwa byihariye, bishingiye ku mibare nyayo kandi n'abo bigenewe bakabigiramo uruhare.

4.Gushyiraho amategeko n'amabwiriza hagamijwe gushyira mu bikorwa gahunda zerekeye uburenganzira bw'abana no gushyiraho ibikorwa bihamye bifasha imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo.

5.Gushyiraho uburyo bwo gufashiriza abana mu miryango bugamije kubarengera, kubarinda ibyabatandukanya n'imiryango yabo, kubagezaho ibyo bakeneye no gukurikirana uko bitabwaho. Ubwo buryo bugomba gukorana neza n'inzego z'ubuyobozi zegereye abaturage, Imiryango itegamije kuri Leta n'amashyirahamwe akorana n'abaturage.

6.Kongerera ubushobozi inzego, abakozi n'imiryango yita ku mfubyi n'abana bugarijwe n'ibibazo.

7.Gushyiraho uburyo bunoze bwo guhuza ibikorwa byita ku mfubyi no ku bandi bana bugarijwe n'ibibazo.

8.Korohereza imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo kubona ibyo bakeneye by'ibanze, nko kwiga, kuvurwa, ibiribwa, amacumbi. Guteza imbere izindi Serivisi nk'izo kubagira inama.

## 6. INTEGO ZIHARIYE N'INGAMBA

### 1. Abana baba mu ngo ziyoborwa n'abana

Ikibazo cy'abana baba mu ngo ziyoborwa n'abandi bana kiragenda kirushaho gukomera. Imibare nyayo y'abana baba mu miryango nk'iyo ntizwi neza. Umubare munini w'abantu bafite ubwandu bwa SIDA n'uw'abakomeje kuyandura izatuma imibare y'abana baba muri bene iyo miryango itagira umuntu mukuru n'umwe wo kubitaho yiyongera.

**Intego zihariye**

1. Guharanira ko imiryango iyoborwa n'abana igira ibiyitunga
2. Gushyiraho uburyo bwo gukurikiranira hafi no kurengera imiryango iyoborwa n'abana; ibyo bizabarinda ihohoterwa kandi bitume bashobora kuzungura ababyeyi babo.

**Ingamba**

1. Gushyiraho abajyanama babimenyereye kandi bizewe
2. Gutera inkunga imiryango iyoborwa n'abana.

### 2. Abana barererwa mu miryango yabakiriye

Mu Rwanda hari abana benshi barererwa mu miryango yabakiriye. Politiki y'Igihugu " Umwana, Umuryango" yashishikarije abantu kwakira abana batagira ababyeyi, bituma abana batagira kivurira babaga mu bigo binyuranye bashyirwa mu miryango. Umuryango SSI, nyuma y'ubushakashatsi wakoze, ushyira abana bakiriwe mu miryango mu byiciro bine: 1)abana babonye imiryango ibakira ikababera ababyeyi bashya, 2)abakiriwe n'abo bagira icyo bapfana, 3)abana bashakiwe imiryango batagira icyo bapfana ibakira 4) abana baba mu miryango bagiyemo bitabanje gutegurwa.

N'ubwo ibyo byatumye ibigo byari bifite abo bana byoroherwa ,ariko haracyari ibigikenewe mu rwego rw'amategeko, kugira ngo abo bana bizezwe kurengerwa bihagije aho bari. Hari imiryango imwe n'imwe yakiriye abana yibwira ko izabona imfashanyo. Muri rusange kandi, ntihabayeho gukurikirana uko abana bamerewe mu miryango

yabakiriye yaba iyo bafitanye isano cyangwa iyo batagira icyo bapfana. Umuryango SSI wabikozeho ubushakashatsi watanze ibyifuzo. Ivugurura ry'amategeko agenga igikorwa cyo kugira uwawe umwana utabyaye no gushyira abana batagira kivurira mu miryango ryaratangiye.

**Intego zihariye**

1. Gukora ku buryo abana bashyirwa ahantu bazitabwaho neza, hitawe ku byifuzo byabo no ku kubamenyesha uburenganzira n'inshingano imiryango yemeye kubarera ifite, uburenganzira n'inshingano abana bakiriwe mu miryango na bo bafite.
2. Gushyiraho uburyo bwo gufashiriza abana mu miryango no kurengera abana bashyizwe mu miryango hakoreshejwe inzego zegereye abaturage.

**Ingamba**

- Gukangurira abantu ibijyanye n'uburenganzira bw'abana bakiriwe mu miryango;
- Gushyiraho amategeko agenga igikorwa cyo gushyira abana mu miryango no kugira uwawe umwana utabyaye;
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura imibereho y'abana bari mu miryango yabakiriye;
- Gusesengura ikibazo cya buri mwana uri mu kigo, uri mu muryango wamwakiriye cyane cyane uwawugiyemo mu buryo butateguwe.

## 3. Abana bo mu mihanda

Ikibazo cy'abana bo mu mihanda cyamaze kuba kimwe mu byo Leta yitaho by'umwihariko, ikaba yaratangiye kongera imbaraga zo kugikemura. Abo bana bo mu mihanda babarirwa mu bihumbi birindwi (7.000). Hari Imiryango Itegamiye kuri Leta yashyizeho ibigo bibakira, cyangwa ibafashiriza aho baba mu mihanda. MINALOC itera inkunga Ikigo cya Gitagata. Intara nyinshi zashyizeho ibigo bibitaho. Ku rwego rw'igihugu, hateguwe porogaramu na gahunda y'ibikorwa bigenewe abo bana.

**Intego zihariye**

1. Kongerera ubushobozi porogaramu zisanzweho zigamije gutera abana bo mu mihanda inkunga yabafasha gusubira no kuguma iwabo;
2. Gushyiraho uburyo bwatuma abasubiye iwabo batongera kugaruka mu mihanda, n'abatarayijyamo ntibagire icyo gishuko.

**Ingamba**

- Gukangurira ababyeyi inshingano zabo;
- Gushyiraho za porogaramu zo kwegera abo bana, kubasobanurira no kubagira inama zo kuva mu mihanda;
- Kongerera ubushobozi ibigo by'agateganyo bibakira bibategurira gusubira mu buzima busanzwe, bibafasha gusubira mu mashuri, bibigisha imyuga, bibongerera n'ubushobozi;
- Kongerera inzego z'ubuyobozi zegereye abaturage n'amashyirahamwe y'abaturage ubushobozi bwo gusubiza abo bana mu miryango no gukurikirana uko bamerewe nyuma y'uko bashubijwe iwabo.

## 4 Abana baba mu bigo bibitaho

Ubu hafi abana 3600 baba mu bigo 26 bigenewe abana batanye n'ababyeyi. Politiki ya Leta ni ukugabanya umubare uhanitse w'ibyo bigo ndetse n'uw'abana babibamo. Imbaraga zashyizwe mu gikorwa cyo gushakisha imiryango no guhuza abana n'imiryango zatumye umubare w'abana bari mu bigo ugabanuka. Ikibazo gikomeye ni icy'abana batazi aho bakomoka n'abafite imiryango y'abakene nyakujya ku buryo kubahuza na yo bidashoboka. Hari uburyo bushya butegurwa n'imiryango imwe itera inkunga bwo kwita kuri bene abo bana kandi twizera ko buzinjizwa muri politiki y'Igihugu. Ariko mu gihe cya bugufi kandi ku byiciro bimwe byihariye by'abana, ibigo nk'ibyo bizakomeza kuba ngombwa. Hari itegeko ritegurwa rizabigenga.

**Intego zihariye**

1. Kugena ingingo ngenderwaho n'amabwiriza bigenga ishyirwaho ry'ibigo, uko byakira abana, n'urugero mbonera rukwiye rw'uko abana batanye n'ababyeyi babo bakwiye kwitabwaho;

2. Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura imikorere y'ibyo bigo, niba bikurikiza amategeko n'amabwiriza;
3. Kugabanya umubare w'abana baba muri ibyo bigo bakagenda bashyirwa mu miryango cyangwa se babonerwa ubundi buryo bwo kwitabwaho abaturage bafitemo uruhare;
4. Gushishikariza ibigo kurera abana mu buryo busa n'ubwo mu muryango;
5. Kuganira na buri mwana no kumufasha gukora gahunda y'ubuzima akurikije ibyo yifuza gukora, kugira ngo niyongera gusubira iwabo no kubayo bizorohe;
6. Kugena ubundi buryo bwo gufasha abana batazashobora kubonerwa imiryango ibakira.

**Ingamba**

- Gukangurira abantu igikorwa cyo gusubiza abana mu buzima busanzwe no kubashakira imiryango ibakira;
- Gushyiraho amabwiriza agenga ibigo, abakozi babyo n'ubufasha butangirwa mu bigo;
- Kongerera ubushobozi gahunda yo gushakisha imiryango y'abana no kubahuza na yo;
- Guteza imbere ibikorwa bibyara inyungu;
- Kongerera ubushobozi abakozi b'Ibigo;
- Kugena ubundi buryo buzageragezwa bwo gufasha abana batazashobora gusubira iwabo.

## 5. Abana bakurikiranwa n'amategeko kubera ibyaha bakoze

***Igisobanuro*** : umwana ukurikiranwa n'amategeko ni uwakoze ikosa, ni ukuvuga wakoze ikintu iki niki cyangwa wagize icyo yanga gukora, igihe byombi bifatwa nko kurengera ibyemewe mu mibereho y'abaturage, bikaba bihanwa n'itegeko.

Minisiteri y'Ubutabera yashyizeho Serivisi yihariye yita ku bana bakurikiranwa n'amategeko. Ubu , abana barenze ibihumbi bine na magana atanu bakiri bato (bari bafite hagati y'imyaka 14 na 18 igihe bakoraga icyaha) bari muri za gereza. Amategeko y'u Rwanda ntiyemera ko abana bari munsi y'imyaka 14 baryozwa ibyaha bakoze. Ibi byatumye hari abana bato n'ingimbi bafunguwe. Abacamanza n'abandi bakozi bo mu nkiko bashinzwe ibirebana n'abana barahuguwe ku burenganzira bw'abana no ku by'abana

bakurikiranwa n'amategeko kubera ibyaha bakoze. Itegeko N°27/2OO1 ryaratangajwe.

**Intego zihariye**

1. Gukora ibishoboka byose kugira ngo abana bafunzwe bafatwe neza ku buryo babona ibyo bakeneye kandi ntibahungabanywe, haba kuri roho, mu bwenge no ku mubiri ;
2. Gusubiza abo bana mu buzima busanzwe;
3. Kwiga ubundi buryo bwo gufunga abana bakoze ibyaha bihanwa n'amategeko;
4. Gukora ibishoboka kugira ngo abana barindwe gukora ibyaha .

**Ingamba**

- Kuvugurura amategeko kugira ngo abana bakoze ibyaha bihanwa n'amategeko barusheho kurengerwa ;
- Kongerera ubushobozi abakozi b'inkiko na za gereza ku bijyanye n'uburenganzira bw'abana n'uburyo bukwiye bwo kubafata neza ;
- Gushyiraho gahunda y'ibiganiro bigamije kugorora imyumvire n'imitekerereze y'abana ;
- Kugena ahantu abana bafungirwa hakwiranye n'ikigero cyabo n'ibyo bakeneye;
- Gushyiraho uburyo nsimburagifungo bukwiye ;
- Gushyiraho umutwe wihariye wa polisi ushinzwe kurengera abana no gukumira ibyaha by'abana batoya ;
- Gushyiraho mu nkiko ingereko zihariye zishinzwe kuburanisha abana kandi zibafasha kubona ababunganira mu rwego rw'amategeko n'urwego mbonezamubano.

## 6. Abana bamugaye

***Igisobanuro*** : abana bamugaye ni abantu bataruzuza imyaka 18, bafite ubumuga ubwo ari bwo bwose, bwaba ubwo ku mubiri , bwaba ubwo mu mutwe, bubabangamira mu gushyikirana n'abandi, mu myigire yabo, mu buzima busanzwe, mu mibereho myiza no mu kubona akazi.

Hari porogaramu yo ku rwego rw'igihugu yashyiriweho kwita ku bantu bamugaye barimo n'abana. N'ubwo imibare y'abana bamugaye itazwi neza kimwe n'ubumuga bafite; porogaramu ziriho zita ku bana bamugaye. Kumenya ubumuga bunyuranye abana bafite bizasaba ko hakorwa ubushakashatsi. Ubwo bushakashatsi buzaba imbarutso yo gutekereza kuri porogaramu zishingiye ku baturage ubwabo kandi zisubiza umwana ufite ubumuga mu buzima bw'umuryango nyarwanda cyane cyane mu ishuri. Hari izindi nzego ziriho zita ku bibazo by'abana bamugaye: ishami ry'uburezi bwihariye muri MINEDUC , n'ishami rya KIE na ryo rishinzwe uburezi bwihariye. Hashyizweho urugaga rw'amashyirahamwe n'ibigo byita ku bamugaye.

**Intego zihariye**

1. Gukora ku buryo abana bamugaye babona serivisi zibagorora ingingo;
2. Guha agaciro kanini gahunda zirinda abana ubumuga bakiri bato;
3. Kudaheza abana bamugaye mu burezi ubwo ari bwo bwose bwa ngombwa, haba mu mashuri asanzwe , mu yihariye cyangwa mu muryango.
4. Guteza imbere gahunda zifashiriza abana bamugaye mu muryango, bityo abana bamugaye bakaguma iwabo bakahabonera inkunga zose za ngombwa.

**Ingamba**

- Gukangurira abantu bose uburenganzira bw'abana bamugaye n'ubushobozi bifitemo;
- Gushyiraho amategeko arengera abamugaye harimo n'abana;
- Kongerera ubushobozi porogaramu zirinda abana ubumuga bakiri bato;
- Gukwirakwiza porogaramu zifashiriza abamugaye mu muryango;
- Guteza imbere ibikorwa bibyara inyungu , bigenewe abana bamugaye n'imiryango ya bo
- Guteza imbere uburezi bw'abana bamugaye, haba mu mashuri asanzwe ndetse no mu mashuri yabo yihariye igihe ari ngombwa.

## 7. Abana bahuye n’ibibazo bitewe n’intambara

***Igisobanuro***: Abo ni abana bavanywe mu by’ iwabo cyangwa b’impunzi kubera intambara, itsembabwoko n’itsembatsemba, ubukene cyangwa bashowe mu ntambara n’imitwe yitwaje intwaro.

Abana baracyakomeza gushorwa mu ntambara n’imitwe yitwaje intwaro. Aha twavuga ko abo bana atari abafata intwaro gusa, harimo abajya gutata, abatekera abarwanyi, abikorera imitwaro yabo n’abandi. Ikindi twavuga, ni uko n’abana b’abakobwa babarirwa muri abo bana bashorwa mu ntambara. Ariko bo ntibajya bagaragara muri gahunda zo gusezerera abavuye mu gisirikare ku mugaragaro. Leta yemera ko bene abo bana baba bakwiye kwitabwaho by’umwihariko igihe cyo gusezerera abavuye mu ngabo na nyuma yaho. Uburyo bukoreshwa ubu butuma abana batandukanywa n’abakuru hakiri kare, bagategurwa bihagije gusubira mu miryango yabo. Mu mwaka wa 2002, MINALOC ifatanyije na ICRC, na Save the Children(UK) na UNICEF bahuje n’imiryango bavukamo cyangwa bene wabo, abana bato barenze 400 bari bavuye mu gisilikare.

### Intego zihariye

1. Gukora ibishoboka kugira ngo uburenganzira bw’abana bwubahirizwe mu bihe by’intambara na nyuma yabyo.
2. Kurinda abana kwinjizwa mu mitwe y’abitwaje intwaro
3. Gusubiza mu buzima busanzwe abana bahuye n’ibibazo bikomoka ku ntambara.

### Ingamba

- Gusezerera abana bari mu gisilikare no kubasubiza mu buzima busanzwe
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana abana basubiye mu buzima busanzwe
- Guteza imbere umuco w’amahoro, ubwiyunge, koroherana no gukemura amakimbirane .

## 8. **Abana bashorwa mu busambanyi n'abahohoterwa**

Nta bushakashatsi bunonosoye bwakozwe buhagije ku kibazo cy'abana bashorwa mu busambanyi n'abahohoterwa. Hari amategeko arinda abana gushorwa mu busambanyi. Iry'ingenzi muri yo ni itegeko N° 27/2001. Iki kibazo nticyasesenguwe bihagije, n'ibizwi ni ibyagiye bituruka hirya no hino ku bantu bake babyitegereje. Ariko hari ibimenyetso byerekana ko ikibazo cy'abantu bashora abana mu busambanyi no mu buraya kiriho rwose ndetse kikaba kiremereye wenda kurusha uko kizwi ubu. Ubushakashatsi bwakozwe na MIFOTRA bwagaragaje ko uburaya bw'abana buri henshi kandi ko bwugarije cyane cyane imfubyi n'abana bakomoka mu miryango y'abakene nyakujya. Hari ubundi bushakashatsi bwerekanye ko ubusambanyi bukoreshwa n'imfubyi n'abana batagira kivurira, nk'uburyo bwo kwirengera no kuramuka. Hakekwa ko abakozi bo mu rugo bashobora kuba bugarijwe n'icyo kibazo. Hakenewe rero ubushakashatsi bwagisesengura bukakigaragaza uko kiri.

**Intego zihariye**

1. Gushyiraho uburyo bwo kurinda abana gushorwa mu busambanyi no guhohoterwa;
2. Gukora ku buryo amategeko arinda abana gushorwa mu busambanyi no guhohoterwa yubahirizwa.
3. Gutera inkunga abana bashowe mu busambanyi n'abahohotewe.

**Ingamba**

- Gukangura inzego zinyuranye zikumva uburemere bw'ikibazo (iza Leta, abikorera ku giti cyabo, imiryango itegamiye kuri Leta, abaturage muri rusange n'abana by'umwihariko)
- Kwongerera ingufu ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ririnda abana gushorwa mu bikorwa by'ubusambanyi no gukoreshwa mu bucuruzi bushingiye ku busambanyi
- Gukoresha ubushakashatsi burambuye kandi mu gihugu hose ku kibazo cyo gushora abana mu busambanyi no kubakoresha mu bucuruzi bushingiye ku busambanyi

- Kugenera abana bahohotewe muri ubwo buryo abaganga, impuguke mu by'amategeko n'abasosiyali kugirango babafashe
- Kugena uburyo bwo gukumira ubwo bugizi bwa nabi no kudahishira abashora abana mu busambanyi.

**9 Abana bakoreshwa imirimo ivunanye**.

***Igisobanuro***: abana bakoreshwa imirimo ivunanye ni abana bataruzuza imyaka 18 y'amavuko bakoreshwa imirimo ibangamiye ubuzima bwabo, imikurire yabo kandi ibabuza kwiga.

Abana bakora imirimo ivunanye baboneka hose mu Rwanda. Abenshi muri bo baba bakora imirimo ifasha umuryango kuko ibyo biri mu rwego rwo kubatoza umurimo no kubana n'abandi. Ni yo mpamvu ari ngombwa gushyira itandukaniro rigaragara hagati y'imirimo umwana afatanya n'abandi iwabo buri munsi ku ruhande rumwe n'indi mirimo ivunanye yica ubuzima bw'umwana n'imikurire ye ku rundi ruhande. Itegeko ry'u Rwanda rigenga umurimo ryo muw'1999 rivuga ko abana bari munsi y'imyaka 18 badashobora na rimwe gukoreshwa mu gikorwa cyunguka icyo ari cyo cyose, kereka gusa Leta ibitangiye uruhusa rwihariye. Birazwi ariko ko u Rwanda rufite inganda nke, ahubwo abana bakora imirimo ivunanye bakaba baboneka mu mihanda, mu masoko, mu nzuri z'inka, mu birombe by'amatafari, mu mirima y'ibyayi, aho bamena imyanda, mu nganda zitunganya amazi no mu ngo aho bakoreshwa bahembwa amafaranga make. MIFOTRA igereranya ko abana barenga 170.000 bari munsi y'imyaka 15 bakoreshwa akazi karemereye hanze y'imiryango yabo. Itegeko rigenga umurimo risa nk'aho ritari ryubahirizwa bitewe n'ibura ry'amikoro mu nzego z'imirimo zibishinzwe.

### Intego zihariye

1. Gukora ku buryo abana barindwa imirimo ivunanye .

### Ingamba

- Gukangurira abantu ububi bw'imirimo ikabije kuvuna abana.

- Gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko yerekeye umurimo
- Gutunganya kurushaho uburyo abana bakoramo
- Kugena ubundi buryo bwo gukemura ikibazo hakoreshejwe gutera inkunga amahugurwa n'ibikorwa bibyara inyungu
- Kongerera ubushobozi gahunda zo kwigisha abana bacikilije amashuri abanza
- Gukora ubushakashatsi ku miterere y'ikibazo cy'imirimo ivunanye ikoreshwa abana n'impamvu zayo.

**10. Abana banduye SIDA n'abafite ibibazo bakomora ku bagombaga kubitaho bayirwaye**

Abana banduye SIDA cyangwa bafite ibibazo bituruka ku bagomba ku bitaho bayirwaye, ni kimwe mu bizaranga imiterere y'umuryango nyarwanda wo mu minsi iri imbere. Uko ababyeyi bagenda bahitanwa na SIDA, ni ko umubare w'imfubyi n'uw'abana baba mu miryango iyoborwa n'abana izagenda irushaho kwiyongera. Abana bazagenda bata ishuri kugira ngo barwaze ababyeyi babo, umutungo w'umuryango nawo uhashirire. Hari raporo igereranya ko umubare w'abana bapfushije umubyeyi umwe cyangwa bombi bazize SIDA uzaba warageze ku 200.000 mu mwaka wa 2005. Kubera izo mpamvu, dusanga umuti atari ugushyira abana mu bigo bibitaho. Ikigomba gukorwa ni uguteganya uburyo abo bana bafashirizwa mu miryango kuko byatuma hafashwa umubare munini.

N'ubwo bikenewe cyane kumva uburemere bw'ikibazo, porogaramu zo gutera inkunga ntizigomba kuvangura abana b'imfubyi bitewe n'uko hari abantu batarareka guha akato abafite ubwandu bwa SIDA.
Iyi politiki yibanda by'umwihariko ku bikorwa byo kwita ku bana bahuye n'ikibazo cya SIDA, kubarinda kuva mu miryango, gutindahara mu gihe cy'uburwayi bw'ababyeyi babo no kubafasha ababyeyi bamaze gupfa. Iyi politiki irinda abana kwandura SIDA.
Muri rusange, politiki yita ku gikorwa cyo kurinda abana kwandura SIDA no kubarengera ababyeyi babo bamaze gupfa.

**Intego zihariye**

1. Guteganya muri porogaramu zireba imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo ubufasha bugenewe abana bafite ubwandu

bwa SIDA cyangwa bafite ibibazo bakuye ku babo bayirwaye kugira ngo badasa nk'aho bahawe akato.

2. Kugenera abana bafite ubwandu bwa SIDA n'abafite ababyeyi bayirwaye inkunga y'ibiribwa n'iyo kwivuza.
3. Kugira abana n'imiryango yabo inama zigamije kubakomeza.
4. Kubahiriza uburenganzira bw'abana ku bijyanye n'umurage wabo mu miryango SIDA yagezemo.

**Ingamba**

- Gukangurira abaturage kurwanya ivangura n'akato byugarije abana banduye SIDA cyangwa bafite ibibazo kubera ababo bayirwaye.
- Gufasha abana mu kubona umurage basigiwe n'ababo
- Kongerera imiryango n'abo bana ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo byabo
- Kugenera abana bafite ubwandu bwa SIDA n'abafite abayeyi banduye SIDA inkunga yo kwivuza n'iy'ibiribwa.

## 11. Abana bato bari kumwe na ba nyina muri gereza

Abana bato bari kumwe na ba nyina muri za gereza babarirwa mu bugarijwe n'ibibazo bikomeye. Muri iki gihe hari abana 108 bari kumwe na ba nyina mu magereza ; hari kandi abagore 27 bari muri gereza batwite. Porogaramu MINIJUST ihuriyeho n'Umuryango utegamiye kuri Leta witwa ASOFERWA yita ku bana babana na ba nyina muri za Gereza, no ku bagore batwite bari muri Gereza. ASOFERWA igena uko umwana yakwitabwaho iyo amaze kugera hanze afite imyaka itatu.

**Intego zihariye**

1. Gukora ku buryo abana babana na ba nyina muri Gereza bafatwa neza ku buryo bujyanye n'ibyo bakeneye kandi uburenganzira bwabo bwo kubaho no gukura neza bukubahirizwa.
2. Gukora ku buryo abo bana bavanwa mu magereza bamaze kugira imyaka itatu y'amavuko kandi bakitabwaho bikwiye bageze hanze.

**Ingamba**

- Kongerera abakozi b'inkiko n'aba za gereza ubushobozi mu bijyanye n'uburenganzira bw'umwana no ku bijyanye n'uburyo bukwiye bwo kwita ku babyeyi n'abana babo.
- Gukora ku buryo haboneka ahantu hihariye hafungirwa abagore bafite abana bato.
- Kumenya no gushyigikira ibikorwa by'abaturage byerekeranye no gukurikirana imibereho y'abo bana.

## 12 Abana bakomoka mu miryango y'abakene nyakujya

Abana bo mu miryango ikennye ku buryo bukabije bahura n'ibibazo bikomeye birimo indyo mbi, kutiga, gukoreshwa imirimo ivunanye no kujya kuba mu mihanda. Umubare w'abana baza muri iki cyiciro ushobora kwiyongera. Uburyo bwo gutera inkunga imiryango ni bwo busa n'ubwagira akamaro mu gufasha abana bari muri iki cyiciro. Muri iki gihe, Leta igenera abana biga mu mashuri yisumbuye baturuka mu miryango ikennye cyane inkunga , ariko kandi umubare w'abana bakeneye iyo nkunga barenze ubushobozi bwa Leta muri urwo rwego.

**Intego zihariye**

1. Guteza imbere ibikorwa bibyara inyungu bigenewe imiryango y'abakene nyakujya;
2. Kugenera inkunga y'ibiribwa abana bafite imirire mibi.

**Ingamba**

- Gukangurira abaturage gutera inkunga abana bakomoka mu miryango y'abakene nyakujya;
- Kunonosora kurushaho ingingo zishingirwaho mu kwemeza imiryango itishoboye;
- Kugira abantu inama yo kugana za " mutuelles " n'amasanduku y'ubufatanye
- Kongerera ubushobozi "gahunda zisonera" kugira ngo abatishoboye bashobore kubona ibikenerwa by'ibanze.

## 13.Abana bari mu buhungiro cyagwa bari mu bakuwe mu byabo

Abana b'impunzi n'abavanywe mu by'iwabo bari mu byiciro bitatu: 1) abaturutse mu bihugu byo hanze bashaka ubuhungiro mu Rwanda; 2)abana b'abanyarwanda bari mu buhungiro hanze y'Igihugu; 3) abana bimuwe mu by'iwabo imbere mu Gihugu.

**Intego zihariye**

1. Gutera inkunga igikorwa cyo gusubiza abana b'impunzi z'abanyamahanga iwabo, aho bishoboka;
2. Gushyigikira itahuka n'isubizwa mu buzima busanzwe by'abana b'abanyarwanda bari mu buhungiro;
3. Gushakira aho batura abana bavanywe mu by'iwabo ndetse n'imiryango yabo.

**Ingamba**

- Gucyura abana bahunze no kubahuza n'imiryango yabo.
- Gufasha imiryango itahuka kubona aho batura, amasambu, n'ibindi.

## 14. Abana b'ibinyendaro

**Abana b'ibinyendaro kimwe** na ba nyina bahura n'ibibazo byinshi birimo kuba batari mu muryango wuzuye no gufatwa nabi na bene wabo n'abaturanyi. Akenshi abana ntibaba bazi ba se. Byongeyeye kandi, ba nyina ni bo bavunika bashakira abana ibibatunga. Muri bo, abana b'abakobwa bataragera ku myaka y'ubukure ni bo barushijeho kugarizwa n'ibibazo bikomeye.

**Intego zihariye**

1. Gukora ku buryo abana b'ibinyendaro na ba nyina basubizwa mu buzima busanzwe bukwiye
2. Guteza imbere gahunda zigamije kurinda abana gutwara inda z'indaro.

**Ingamba**

- Gukangurira abantu uburenganzira bw'umwana n'inshingano z'ababyeyi, cyane cyane ab'abagabo

- Kwubahiriza amategeko ariho yerekeye inshingano z'ababyeyi
- Kunganira abatishoboye bafite imanza mu nkiko mu rwego rwo gusaba ko abana bemerwa na ba se.

## 15 Abana b'abakobwa bashyingirwa imburagihe

Amategeko ateganya ko umuntu ashyingirwa yujuje nibura imyaka 21 y'amavuko . Gushyingirwa mbere y'iyo myaka bisaba ko Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo ibitangira ubureganzira. Nyamara, mu duce tumwe tw'Igihugu, haracyari umuco wo guhatira abakobwa kurongorwa mu buryo butemewe n'amategeko, rimwe na rimwe ndetse ku bana batarageza ku myaka 18 y'amavuko. Ingaruka imwe ituruka kuri uwo muco ni umuzigo uvunanye w'inshingano z'imburagihe ku mwana nk'uwo, no gutwita umubiri we utarakomera bihagije. Abantu baharanira uburenganzira bw'abagore n'abana, abanyamadini ndetse n'abayobozi bo mu rwego rwa Guverinoma bahagurukiye kurwanya uwo muco mubi.

**Intego zihariye**

1. Guhugura abana b'abakobwa ku bijyanye n'imyororokere n'ubundi bumenyi bakeneye mu buzima bwababafasha kujya bafata ibyemezo ku giti cyabo
2. Kongerera abakobwa amahirwe yo kwiga
3. Gushyiraho uburyo bwaha abakobwa ubushobozi bwo kwanga gushyingirwa imburagihe.

**Ingamba**

- Gushyira mu bikorwa amategeko yerekeye imyaka y'ubukure n'iyo gushyingirwa
- Guteza imbere uburezi bw'abakobwa

## 7. ABAZAGIRA URUHARE MU BIKORWA BIKENEWE N'UBURYO BUHARI

N'ubwo hari ibibazo by'ubukungu muri rusange bibangamira iterambere, ihame ry'uko umwana aza mbere ya byose rirasaba ko mu kugena ibyihutirwa n'uburyo bubikoreshwamo, hakwitabwa mbere na mbere ku bikorwa byerekeye umwana.

N'ubwo uruhare Leta izagira muri ibi bikorwa byo kwita ku mfubyi no ku bana bugarijwe n'ibibazo rukomeye bitewe n'uko isanganywe ibikorwa nk'ibi n'inzego zibifitiye ubushobozi, uruhare Imiryango Itegamiye kuri Leta, Amadini, n'amashyirahamwe yagize na rwo rurakomeye kandi rukwiye gukomeza. Abikorera ku giti cyabo nabo bazasabwa kurushaho gushyigikira gahunda zerekeye abana bugarijwe n'ibibazo.

Hazabaho ubwumvikane mu guhuriza hamwe imbaraga ku rwego rw'akarere, intara/umujyi wa Kigali, ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga kugira politiki n'ingamba zihuzwe n'ibikenewe kandi amasomo buri wese yagize ayageze ku bandi.

Amakuru ku bafite uruhare muri icyo gikorwa azakomeza gukusanywa ku nzego zose kandi azashingirwaho mu gutegura za politiki na za gahunda.

Ingingo ikomeye y'ingamba yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi ni ugushyigikira ibikorwa by'abaturage, bigaterwa inkunga ku rwego rubegereye no ku rwego rw'igihugu.

Iyi politiki iha agaciro kanini uruhare rw'abana, imiryango yabo n'umuryango nyarwanda ifata ingamba zikenewe, ikoresha ibintu n'ibikorwa bisanzweho ku buryo abafite ibyo bikorwa n'abaturage bagira uruhare mu gushyira mu bikorwa za gahunda.

Ikindi kigomba kwitabwaho kugira ngo uruhare rw'abaturage muri za porogaramu rube ingirakamaro, ni ugutanga inkunga ikenewe (abakozi, amafaranga, ikoranabuhanga n'ibindi) yatuma abaturage ubwabo bagira ubushobozi bwo kugaragaza no kwiga ibibazo byabo ndetse no gufata ingamba zo kubikemura.

Kugira ngo hatazabaho igongana ry’ibikorwa, ishyirwa mu bikorwa ry’iyi politiki rizinjizwa mu ngamba zigamije kurwanya ubukene, kandi rizubahiriza Icyerecyezo cy’Igihugu cyo kugeza mu mwaka wa 2020 (Vision 2020).